REPUBULIKA Y'U RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KW'UGUSHYINGO 2024

10 Ukuboza 2024

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY’IHINDAGURIKA RY’IBICIRO MU KWEZI KW’UGUSHYINGO 2024

Ikigo cy’igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy’ihindagurika ry’ibiciro mu kwezi kw’Ugushyingo 2024. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw’u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Mu kwezi kw’Ugushyingo 2024, ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 5% ugereranyije n’Ugushyingo 2023. Ibiciro mu kwezi kw’Ukwakira 2024 byari byiyongereyeho 3,8%.

Mu kwezi kw’Ugushyingo 2024, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n’ibiciro by’ibiribwa n’ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 2,1%, ibiciro by’amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n’ibindi bicanwa byiyongereyeho 4,4% n’ibiciro by’ibijyanye n’ubwikorezi byiyongereyeho 15,6%.

Ugereranyije Ugushyingo 2024 n’Ugushyingo 2023, ibiciro by’ibintu bitarimo ibiribwa n’ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 5,3%.

Ugereranyije Ugushyingo n’Ukwakira 2024, ibiciro byiyongereyeho 0,1%. Iri zamuka ryatewe ahanini n’ibiciro by’’ibinyobwa bisembuye n’itabi byiyongereyeho 1,3%.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kw’Ugushyingo 2024, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 2,4% ugereranyije n’Ugushyingo 2023. Ibiciro mu kwezi kw’Ukwakira 2024 byari byagabanutseho 1,5%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kw’Ugushyingo 2024 ni ibiciro by’ibinyobwa bisembuye n’itabi byiyongereyeho 14,1%, ibiciro by’amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n’ibindi bicanwa byiyongereyeho 5,5% n’ibiciro by’ibijyanye n’ubwikorezi byiyongereyeho 20,6%.

Ugereranyije Ugushyingo n’Ukwakira 2024, ibiciro byiyongereyeho 1,4%. Iri zamuka ryatewe ahanini n’ibiciro by’ibiribwa n’ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,9%.

## C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kw'Ugushyingo 2024 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 3,4% ugereranyije n'Ugushyingo 2023. Mu kwezi kw'Ukwakira 2024 ibiciro byari byiyongereyeho 0,5%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kw' Ugushyingo 2024, ni ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 11,6%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 5% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 16,7%.

Ugereranyije Ugushyingo n'Ukwakira 2024, ibiciro byiyongereyeho 0,9%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,3%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Ugushyingo 2023 kugeza mu Ugushyingo 2024.**

| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize ndetse n'ukwezi kwakubanjirije** | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | **2023** | | **2024** | | | | | | | | | | |
| | **11** | **12** | **01** | **02** | **03** | **04** | **05** | **06** | **07** | **08** | **09** | **10** | **11** |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku mwaka** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 9,2 | 6,4 | 5,0 | 4,9 | 4,2 | 4,5 | 5,8 | 5,0 | 4,9 | 5,0 | 2,5 | 3,8 | 5,0 |
| Mu byaro | 9,6 | 6,1 | 1,9 | 2,1 | -1,7 | -3,5 | -1,6 | -1,4 | -0,6 | -0,3 | -2,9 | -1,5 | 2,4 |
| Mu Rwanda | 9,4 | 6,2 | 3,1 | 3,2 | 0,6 | -0,5 | 1,3 | 1,1 | 1,5 | 1,7 | -0,8 | 0,5 | 3,4 |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku kwezi** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | -1,0 | -2,5 | -0,1 | 1,8 | 1,1 | 1,4 | 0,0 | -0,4 | -0,1 | 0,9 | 1,2 | 1,5 | 0,1 |
| Mu byaro | -2,4 | -5,6 | -1,4 | 3,3 | 0,5 | 0,1 | -1,6 | -0,8 | 0,9 | 1,7 | 1,6 | 2,5 | 1,4 |
| Mu Rwanda | -1,9 | -4,4 | -0,9 | 2,7 | 0,7 | 0,6 | -1,0 | -0,6 | 0,5 | 1,4 | 1,5 | 2,1 | 0,9 |
| *Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda* | | | | | | | | | | | | | |

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw